

RWANDA NATIONAL OLYMPIC AND SPORTS COMMITTEE



Press Release

OLYMPIC WEEK/DAY 2018.

Buri mwaka tariki 23 Kamena ni umunsi wahariwe kwizihiza umunsi mpuzamahanga Olempike (Olympic Day) ku isi, uwo munsi ukaba ubanzirizwa n'icyumweru Olempike (Olympic Week) kirangwa n'ibikorwa bitandukanye bya siporo higishwa cyane cyane urubyiruko indangagaciro Olempike (Olympic Values) n'umumaro wa siporo muri rusange.

Buri gihugu kikaba kizihiza uwo munsi binyuze muri Komite Olempike y'igihugu aho bategura amarushwana mu mikino itandukanye, gushushanya, amahugurwa ku batoza n'ibindi bikorwa bijyanye n'umuco w'igihugu byose bigamije kwigisha urubyiruka indangagaciro Olempike (Olympic Values).

Ku rwego rw'igihugu, Komite Olempike y'u Rwanda (Rwanda National Olympic and Sports Committee) ikazizihiriza uyu munsi mu Karere ka Huye kuva tariki 20 Kamena aho izifatanya n'abana bagera ku bihumbi birindwi (7000) baturutse mu bigo 16 by'amashuri mato n'ayisumbuye bikorera mu Karere ka Huye aho abana bazarushwana mu mikino itandukanye irimo gusiganwa n'amaguru, basketball, volleyball, football, gushushanya,....n'ibindi.

Twabibutsa ko uyu munsi Olempike (Olympic Day 2018) uzizihizwa ku nshuro yawo ya mirongo rindwi (70).

RNOSC Communication Department.

COMITÉ NATIONAL OLYMPIQUE ET SPORTIF DU RWANDA

Stade National Amahoro – B.P. 2684 Kigali – Rwanda – +250.788.305.729 – cnosr@olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org – BK Account: 00040-00366026-78 – GT Bank: 211/103631/1/5101/0 (CNOSR)

GÉNÉRATIONS DE CHAMPIONS